**A Isezerano:**

- ❖ **Amaraso y'Isezerano (Kuva 24:1–6, 8)**
  - — Imana yemeye Isirayeli nk'ubwoko (inkingi 12); by'umwihariko yahaye agaciro cyane cyane abakiri bato; kandi yiyeguriye buri muntu ku giti cye (ibamishaho amaraso yayo).
  - — Imana yifuza kugirana natwe umubano, haba buri wese ku giti cye, ndetse nk'umuryango w'abizera.
- ❖ **Isohozwa ry'Isezerano (Kuva 24:7)**
  - — Abantu bibavuye ku mutima biyemeje kubahiriza isezerano. Uku kwiyemeza kwabaye ukw'igihe kigufi (Kuva 32:8).
  - — Igisekuru cyakurikiyeho nacyo cyiyemeje kubahiriza isezerano (Yosuwa 24:18b). Ariko Yosuwa yababuriye yeruye ati: "Ku bwanyu ntimubasha gukorera Uwiteka" (Yosuwa 24:19).
  - — Ni iki kitubuza kumvira Imana, nubwo dufite intego nziza?
  - — Muri kamere yacu, ntitwumvira (Abaroma 7:18), kandi ntacyo dushobora gukora ngo duhindure imiterere yacu (Abaroma 7:24).
  - — Ariko nitwemerera Uwiteka, ashobora guhindura kamere yacu (Ezekiyeli 36:26–27). Aratweza, akadukuraho ikibi, akatubashisha, ndetse akaduha ubushobozi bwo kumwumvira. Ni We gusa uduha imbaraga (2 Abakorinto 12:10).
- ❖ **Ifunguro ry'Isezerano (Kuva 24:9–18)**
  - — Nk'uko tubibona mu rugero rwa Yakobo na Labani, kera mu Burasirazuba, kwemeza isezerano hazagamo ifunguro rihūje impande zombi (Itangiriro 31:44–54).
  - — Kuri Sinayi, Imana yahaye "ifunguro ry'isezerano" abantu 74: Mose, Aroni, Nadabu, Abihu, n'abakuru 70, bari bahagarariye abantu bose (Kuva 24:9–11).
  - — Igihe Yesu yatangizaga isezerano rishya, na We yabikoze atyo asangira n'intumwa 12 ifunguro Rye (Matayo 26:26–28).
  - — Igihe cyose dusangiye Ifunguro Ryera, twongera kwemeza isezerano twagiranye n'Imana. Mu gusangira umutsima na vino, twishimira imbabazi n'agakiza dufite muri Yesu (1 Abakorinto 11:26).
  - — Nubwo yaba Nadabu, yaba Abihu, yaba Yuda banze rwose agakiza, ntibakuwe muri iri "funguro ry'isezerano."

**B Icyitegererezo:**

- ❖ **Intego y'Icyitegererezo (Kuva 25:1–9)**
  - — Imana yahisemo kujya kuba hagati mu bantu, nk'ubwishingizi bw'uko izasohoza uruhande rwayo mu isezerano.
  - — Ariko kuhaba igaragara n'amaso byajyaga gusobanura urupfu rwihuse ku bantu bose (Kuva 33:20). Kubw'ibyo, yabategetse kubaka ubuturo bwera aho yashoboraga kwerekanira ko ihari. Uku kuboneka kwagaragaririaga mu bimenyetso, kuko Imana idatura mu rusengero urwo ari rwo rwose rwo ku isi (Ibyakozwe 17:24).
  - — Mose yeretswe icyitegererezo kandi ahabwa amabwiriza yihariye yo kubwubaka. Abantu basabwe gutanga ibikoresho bikenewe (Kuva 25:2–7).
  - — Bwaba ubuturo bwera, rwaba urusengero rwubatswe na Salomo, byari icyitegererezo cy'ubuturo bwera bwubatswe mu Ijuru (Abaheburayo 8:1–2; 1Abami 8:27, 30).
  - — Igihe Umwisirayeli yinjiraga mu buturo bwera, yabaga yinjiye—mu buryo bw'ikigereranyo— imbere y'Imana… kugeza ubwo umwenda watabutsemo kabiri igihe Yesu yapfaga.
- ❖ **Gutegura Icyitegererezo (Kuva 31:1–18)**
  - — Nubwo Imana yahaye Mose amabwiriza arambuye ku byerekeye inyubako, ntabwo yamubwiye byose. Igikarabiro gicuze mu muringa, abakerubi, ibitambaro by'abatambyi byo kuzingirwa mu mutwe, n'ibindi, byagombaga kuba kumeze bite? Ibi byahaye Umwuka Wera umwanya wo gukorana n'impano z'abubatsi.
  - — Hagati mu mabwiriza yo kubaka ubuturo bwera, havugwa Isabato mu buryo bidasanzwe (Kuva 31:12–17). Isabato ihuriye he n'ibi byose?
  - — Kwera ni urufunguzo. Kwegera Imana Yera, bidusaba kuba abera nka Yo. Isabato ni cyo kimenyetso cy'uko kwera (Kuva 31:13; Ezekiyeli 20:12, 20).